**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RW' IBANZE RWA KICUKIRO.**

Umwaka wa 2023 umunsi wa Cumi na rimwe w' ukwezi kwa Mata;

Twebwe NTEZIMANA Theophile umucamanza mu Rukiko Rw'Ibanze rwa Kicukiro, dufashijwe n'umwanditsi warwo UWUMUKIZA Jeannette;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rw'ibanze rwa Kicukiro bwaregeye Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro uwitwa UZABAKIRIHO Jabo Arsene mwene UZABKIRIHO Claudien na MUKANDANGWA Console utuye mu Mudugudu wa Bwiza, Akagari ka Kanserege, Umurenge wa Kagarama, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, Tel +250787297776, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo Gutanga sheki itazigamiwe, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 126 y'itegeko no 060/2021 ryo Ku wa 14/10/2021 rigenga inyandiko zishobora gucuruzwa;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 02690/PPL KICU/2022/MRU/MN cyageze mu rukiko kikandikwa kuri RP/ECON 00049/2022/TB/KICU

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 11/04/2023 saa tatu za mu gitondo ariko **UZABAKIRIHO Jabo Arsene** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 13/10/2023 saa tatu za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nk'uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **UZABAKIRIHO Jabo Arsene** kwitaba Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro kuwa ***13/10/2023 saa tatu za mugitodo (9h00)***, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro no gutangazwa ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe I Kicukiro ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

**NTEZIMANA Theophile**
**Umucamanza**

**UWUMUKIZA Jeannette**
**Umwanditsi**